ISOMO: IKINYARWANDA CY'INTYOZA

IKICIRO: 5

ISHAMO: YOSE

UMWAKA W'AMASHURI: 2020

INTEGO NYAMUKURU

- Kumva, kuvuga, gusoma no kwandika Ikinyarwanda cy'intyoza mubikorwa bijyanye n'umwuga we.
- Gukoresha ubuvanganzo nyandiko m'ugushyikirana n'abandi abagezaho ibitekerezo bye kandi agaragaza uko yakira ibyabo.
- Kugaraza imyumvire n'imyifatire ikwiriye agenda avoma mu myandiko, inkuru shusho, n'ikinamico binyuranye.
- Kugereranya ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo nyarwanda.

- Guhanga no kumurika m'ururimi rw'Ikinyarwanda afatiye kungeri zinyuranye z'imyandiko.
- Gukoresha neza Ibinyazina bitandukanye.
- Kwandiko neza amazina bwite anyuranye.

IMBATA Y'ISOMO

I. Gukoresha ubuvanganzo nyandiko m'ugashyikirana n'abandi(mu47-54,2; 100-107,1)

I.1 Gukoresha Ikinyarwanda Ikinyarwanda cy'intyoza uwiga agaragaza ko yumva inkurushusho abinyujije mungiro zitandukanye.

I.2 Gusoma neza inkurushusho yubahiriza uturango n'isesekaza.

I.3 Gusubiza ibibazo kunkuru shusho munyandiko ikwiye.

I.4 Guhindura inkuru shusho mo agakino akurikiranya neza ingingo.

I.5 Guhimba no kwandika akurikiranya neza ingingo.

II. Gukoresha Ikinyarwanda cy'intyoza m'uburyo bwo gukemura amakimbirane no gukoresha ibinyazina.

II.1Gukoresha Ikinyarwanda cy'intyoza uwiga agaragaza ko yumva umwandiko kunsanganyamatsiko yo gukemura amakimbirane abinyujije mungiro zitandukanye.

II.2 Gusoma neza yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.

II.3. Gusubiza ibibazo k'umwandiko mumvugo ikwiye.

II.4 Guhina no guhimba114,1 umwandiko akurikiranya ingingo.

II.5 Kumurika ingero zifatika zigaragaza uburyo bwo gukemura amakimbirane.

II.6 Gukoresha ibinyazina binyuranye k'uburyo bukwiye.

III. Gukangurira abandi akamaro k'isuku no gukoresharagaza ibinyazina binyuranye.

III.1Gukoresha Ikinyarwanda cy'intyoza uwiga agaragaza ko yumva umwandiko kukamaro k'isuku n'isukura abinyujije mungiro zitandukanye.

III.2 Gusoma neza umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.

III.3 Gusubiza ibibazo kumwandiko mumvugo ikwiriye.

III.4 Guhina no guhina no guhimba umwandiko akurikiranya neza ingingo.

III.5 Kumurika ingero zifatika zihamya akamaro k'isuku n'isukura.

III.6 Gukoresha ibinyazina binyuranye k'uburyo bukwiriye.

IV. Gukoresha Ikinyarwanda cy'intyoza ugaragaza uburyo bunyuranye bwo gutunganya ubutaka no gukoresha ibinyazina binyuranye.

IV. 1 Gukoresha Ikinyarwanda cy'intyoza agaragaza ko yumva umwandiko ku mitunganyirize y'ubutaka abinyujije mungiro zitandukanye.

IV.2 Gusoma neza umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.

IV.3 Gusubiza ibibazo kumwandiko mumvugo ikwiye.

IV.4 Guhina(80,2) no guhimba umwandiko akurikiranya neza ingingo.

IV.5 Kumurika ingero zifatika zihamya imitunganyirize iboneye y'ubutaka124,1;126,1.

IV.6 Kubahiriza imyandikire y'amazina bwite.

V. Gukoresha neza uburyo bunyuranye bw'ubwumvane no kwandika yubahiriza imyandikire y'ikinyarwanda.

V.1 Gukoresha ikinyarwanda cy'intyoza, uwiga agaragaza ko yumva ikinamico ku nsanganyamatsiko yerekeye ubwumvane mungiro zitandukanye.

V.2 Gusoma neza ikinamico yubahiriza uturango twayo.

V.3 Gusubiza ibibazo ku ikinamico mu mvugo ikwiriye.

V.4 Guhimba no gukina ikinamico ahuza imvugo n'ingiro.

V.5 Gukoresha neza inzego z'ururimi.

V.6 Kubahiriza imyandikire 27,1 y'amazina bwite 9,1.

I. GUSOMA, GUSESENGURA NO KWIHIMBIRA INKURU-SHUSHO

Inshoza: Inkuru-shusho ni imwe mungeri z'ubuvanganzo nyandiko aho umuhimbyi akora ikiganiro akagiha abakinankuru bashushanyije maze mumazina yabo bakaganira igisa n'ikinamico nshya ariko munyandiko nzigashusho.

Urugero: Soma igitabo cy'umunyeshuri cy'umwaka wa mbere kumapaji 100-107 [WIMUVUTSA UBURENGANZIRA BWE] no mucyo umwaka wa kabiri kumapaji 45-54 [KALISA NA BAGENZI BE]

I.1 Twiyibutse utwatuzo nk'uko dukoreshwa m'ukoroshya uburyo bwo gusoma:

a. Akabago(.)
b. Akitso(,)
c. Akabago n'akitso(;)
d. Akabazo(?)
e. Agatangaro(!)
f. Utubago tubiri(:)

I.2 Ubahiriza imisomerwe y'utwatuzo ukoresheje inkuru-shusho tubona mubitabo no kumapaji byavuzwe haruguru……..

I.3 Subiza ibibazo ukurikije ibyo wumvise muri iriya nkuru-shusho:

1. Iyi nkuru-shusho iratubwira iki muri rusange?
2. Rondora abakinankuru uko bagaragara munkuru-shusho.
3. Ni irihe pfundo ry'ikibazo ukurikije uko wabyumvise?
4. Ukurikije impande zihanganye; intwari yaba nde? Naho ikigwari ?
5. Ninde zingiro ry'ikibazo ?
6. Vuga muri make uko ikibazo cyagiye kizamuka.
7. Erekana aho ikibazo gikara ukumva birabura igaruriro
8. Ninde wagize uruhare m'ugutuma ikibazo gikara akanatuma kigera ku iherezo ?
9. Garagaza amagambo y'intwari y'inkuru agaragaza kwishimira gukemuka kw'ikibazo.
10. Vuga imigani ibiri yakoreshejwe m'ukwemeza uhangana guhindura ibitekerezo.

I.4 Guhindura inkuru-shusho umukino no gukora amatsinda awukina……..

I.5. Kwihimbira inkurushusho kunsanganyamatsiko hitabwa ku ikurikiranyangingo rinoze…….

II. Kwifashisha Ikinyarwanda cy'intyoza uwiga ashaka gukemura amakimbirane:

Ubwo Rugwe yari akiri umwana utarashinga integer zo kuba Yakima ingoma se yamuraze, yatwarirwaga na Cyenge cya Mukobwa wa Ndoba ya Samembe. Ibyo byamaze igihe k'uburyo hari n'abibwiraga ko ahari Cyenge ari we mwami wa rubanda.

Ariko Cyenge yazirikanaga isezerano yagiriye Ruganzu I bityo uko bwacyaga bukira niko yagendaga yitegereza imikurire y'igikomangoma cyari cyarazingamye bikamutera impagarara m'umutima.

Nyuma rero y'uko Abagoyi bavuriye Rugwe bakamukuramo inzoka yari yararozwe ikamuzinga, cyenge yatangiye kumutoza ari nako bamwondora. Umwana amaze kwondoka Cyenge akamujyana kukarubanda nk'igihe imanza zisobetse maze akamusaba gucira abantu imanza ngo arebe ko azashobora gucira rubanda imanza.

Rimwe rero haza abahigi babiri baburanaga impongo yarashwe. Umwe ati "nijye wayirashe mbere" undi ati " rwose nijye wayibanje". Maze Cyenge asaba Rugwe gucira abobantu imanza. Rugwe niko kubaza uwambere ati "Ese harya ngo ni wowe wabanje kurasa iriya nyamaswa?" Undi ati "yeee. Nijye rwose". Ni uko igikomangoma kiti "zana abagabo bakubonye uyirasa bavuge n'iby'ivumbura" Umuhigi ati "Reka nari jyenyine". Igikomangoma niko kubaza uwari usigaye nk'ibyo cyabajije uwambere. Undi aheraho azana abo yayirashe barora. Maze Rugwe abwira uwari uzanye abagabo ati "inyamaswa ni iyawe wowe ufite abahamya ariko uko byumvikana uriya yayigusonge. Bityo urayijyana ariko nawe umuhe ikiramuro". Maze ababuranyi bombi banyurwa n'imyanzuro bagenda bishimye. Uhereye ubwo uburyo bwo gushora abantu mu icibwa ry'urubanza rikurwa no kujya hazanwa abatangabuhamya bitwa ABAGABO. Cyenge nawe m'ukubona ko umwana yakuze byo kuba yakwima ingoma aheraho akurikira inzira z'ubwiru, umwami yima ingoma ya se yitwa Cyirima I Kandi araga umuryango W'Abakobwa kuba abiru b'abimikangoma.

I. 1 Gusesengura uburyo bwo gukemura amakimbirane hagendewe k'umwandiko wizwe

I.2 Dusome tuzirikana utwatuzo twizwe mu isomo ribanziriza iri.

I.3 Subuza ibibazo bikurikira ushingiye k'umwandiko:

a. Ninde watwaye Atari umwami nyawe?
b. Uwari urindiwe ingoma ni nde?
c. Kukarubanda haberaga iki ?
d. Ni bantu ki baje kuburanira imbere y'igikomangoma?
e. Ababuranye bari bakimbiraniye iki ?
f. Uburyo bwo gukemura amakimbirane bwabanjirijwe itangwa ry'abagabo ni ubuhe ?
g. Sobanura ijambo « Gusonga » riri m'umwandiko.
h. Ni ubuhe buryo igikomangoma cyakoresheje ngo kidateranya abakimbiranaga ?
i. Ni iki Cyenge yakoze amaze kubona uko igikomangoma kitwaye ?
j. Igikomangoma kimaze kwima cyimanye irihe zina ry'ubwami ?

I.4 IHINAMWANDIKO.

Ubu ni uburyo bwo gusubiramo inyandiko y'undi utabigize ijambo ku ijambo ariko kandi utagize ingingo ibumbatiye ubutumwa-ngirakamaro uzimiza.

Imiterere : Mbere na mbere uhina agomba kumenya ubwoko bw'umwandiko agomba guhina. Bibe se ari : *umuvugo – icyivugo – igisigo – indirimbo – ibaruwa – indondore* n'ibindi. Buri bwoko bugira uburyo bw'imyandikire butandukanye n'ubundi. Indondore zigira **ibika**, indirimbo zikagira **ibitero**, **n'inyikirizo** mugihe ibisigo cyangwa se imivugo bigira **amabango – imikarago** ndetse n**'impakanizi**. Birumvikana rero ko bitahinwa kimwe.

Ibigenderwaho mu ihinwa ry'umwandiko :

- **Kumva umwandiko no kwigiza ahabona ingingo z'ingenzi**.
  Ntabwo ubutumwa bwose umwanditsi yanditse buba bufite agaciro karinganiye. Ashwi da! Ahubwo hari iziba zihatse izindi. Hakaba rero n'iziza zigaragiye izindi. Nguko rero uhina umwandiko arabanza agasoma abyitondeye inshuro zirenze imwe maze bikamuhesha kubasha kujonjora ingingo. Agomba gukurikiranya izo ngingo rero

akurikije agaciro kazoo. Henga dufatire urugero k'**ubuzima**: ***Umuntu aravuka – akonka – akamera amenyo – akamera amabere/ubwanwa – akamera imvi – agapfa.*** Ubwo rero uhina yandika gusa zangingo z'ingenzi akirengagiza zazindi zigaragira.

- **Imiterere y'umwandiko uhinwa – kwandika k'umurongo.**
  Iyo uhina umwandiko uwo ariwo wose uwandika m'uburyo bw'**indondore**. Yamategeko akoreshwa, habe k'utwatuzo, utunyerezo n'ibindi nibyo bikoreshwa.
- **Imigaragarire**:
  Isuku ni ingenzi cyane mu ihinamwandiko. Uwandika k'uburyo busomekera neza ubisoma.
- **Imyandikire y'ururimi :**
  Uhina umwandiko yubahiriza amategeko y'ururimi kubyerekeye imikoreshereze y'utwatuzo kugira ngo hatabonekamo interuro nyobyamvugo : mbese habemo interuro mbonezamvugo.

UMWITOZO : Vuga mumirongo itarenze umunani inkuru y'ikemurwa ry'amakimbirane y'abahigi twabonye ahabanza. Ingingo z'ingenzi uzizirikane rwose.

II.5 Himba inkuru irimo amakimbirane ugene n'uburyo akemuka muri iyo nkuru nyine.

II. 6 TUMENYE IMIKORESHEREZE Y'IBINYAZINA

INSHOZA: Ikinyazina ni ijambo rigaragira izina ngo ririvugeho cyangwa nyine ngo rigire icyo riryongerera k'ubusobanuro.

Ingero: Reba amagambo yandikishije inyuguti nkuru. Ayo ni ibinyazina. Ari kandi iruhande rw'amazina.

- WA mwana WE? (Ikinyazina mpamagazi)
- UYU/UNO mwana ni uwange. (Ikinyazina nyereka)
- Umwana WANGE ni umunyabwenge. (Ikinyazina ngenera)
- N.ibindi.

AMOKO Y'IBINYAZINA N'IMIKORESHEREZE

Itonde:

- Ikinyazina Nyereka
- Ikinyazina mbanziriza
- Ikinyazina mpamagazi
- Ikinyazina ngenera
- Ikinyazina ngenga
- Ikinyazina cy'inyunge(Ngenera-ngenga)
- Ikinyazina nyamubaro
- Ikinyazina ndafutura
- Ikinyazina mbaza (mbazamubare)
- Ikinyazina mboneranteko (ndanganteko)

1. IKINYAZINA NYEREKA

Ikinyazina nyereka ni ijambo ryifashishwa mukwerekana. Reba hasi imbonerahamwe y'ikinyazina Nyereka:

inteko	igicumbi **-Ø**	igicumbi **-no**	igicumbi **-o**	igicumbi **-riya**	igicumbi **-rya**	Igicumbi **- a**
Nt1 u	uyu	uno	uwo	uriya	urya	wa
Nt2 ba	aba	bano	abo	bariya	barya	ba
Nt 3 u	uyu	uno	uwo	uriya	urya	wa
Nt4 i	iyi	Ino	iyo	iriya	irya	ya
Nt5 ri	iri	rino	iryo	ririya	rirya	rya
Nt6 a	aya	ano	ayo	ariya	arya	ya
Nt7 ki	iki	kino	icyo	kiriya	kirya	cya
Nt8 bi	ibi	bino	ibyo	biriya	birya	bya
Nt9 i	iyi	Ino	iyo	iriya	irya	ya
Nt10 zi	izi	zino	izo	ziriya	zirya	za
Nt11 ru	uru	runo	urwo	ruriya	rurya	rwa

Nt12 ka	aka	kano	ako	kariya	karya	ka
Nt3 tu	utu	tuno	utwo	turiya	turya	twa
Nt14 bu	ubu	buno	ubwo	buriya	burya	bwa
Nt15 ku	uku	kuno	uko	kuriya	kurya	kwa
Nt16 ha	aha	hano	aho	hariya	harya	ha

UMWITOZO: Soma IGITABO CY'UMUNYESHURI cy'umwaka wa kabiri P122 IGITERO CY'UMUNSI W'INYANA.

2. IKINYAZINA MBANZIRIZA

Iki kinyazina gisimbura ijambo ribanziriza inshinga. Soma izi nteruro:

- Nyirakamana arashaka ikigori. ICYO ashaka ni kiriya cya Nyirakagori gitatse amabara.
- UWO nashakaga arahashyitse. (Umuntu nashakaga arahashyitse)
- Izo twaruye zirahiye(imboga twaruye zirahiye)

ICYITONDERWA:

- Mumyandikire, kugicumbi O, ikinyazina nyereka gishushe n'ikinyazina mbanziriza. Itandukaniro rero rikabera mumvugo. Haba n'ubwo ababihugukiye bashyize isaku nyejuru kugicumbi cy'ikinyazina mbanziriza kugira ngo byoye kujija ababisoma.

Urugero:

- Uwo mugabo ni wowe Nyagasani!
- Uwô navugaga ni wowe Nyagasani!

Bimenye neza urebeye kumbonerahamwe :

INTEKO	**IKINYAZINA MBANZIRIZA**	**INGERO**
Nt1 u	Uwô	Uwô mbona ndamutuma
Nt2 ba	Abô	Abô mbona ndababwira
Nt3u	uwô	Uwô ushaka urahenda
Nt4 i	iyô	Iyô naguze ni mito

Nt5 ri	iryô	Iryô tuvomamo riri kure
Nt6 a	ayô	Ayô nasakaje ni meza
Nt7 ki	icyô	Icyô nashushanyije cyabaye icya mbere
Nt8 bi	ibyô	Ibyô twavuganye yarabyemeye
Nt9 i	iyô	Iyô twabyaje yari yakitse
Nt10 zi	izô	Izô yaragiye yanazuhiye
Nt11 ru	urwô	Urwô yasasiye nirwo rweze neza
Nt12 ka	akô	Akô yavunitse ni kariya k'iburyo
Nt13 tu	utwô	Utwô yazanye twamushiranye.
Nt14 bu	ubwô	Ubwô yagesaga bwari ubwa Sebuja
Nt15 ku	ukô	Ukô yaryamiye kuramubabaza
Nt16 ha	ahô	Ahô yagiye ntiyahabasanze

3. IKINYAZINA MPAMAGAZI

Iki kifashishwa muguhamagara cyangwa kwakura umuntu cyangwa ikintu. Izina kandi kibanjirije kiritesha indomo iyo riyisanganwe. Ubundi kandi iryo zina rihita rikurikirwa n'ikinyazina ngenga gifite umusozo –e. Ikindi rero ni uko iki kinyazina kijya muri ngenga za kabiri gusa : ubwo ni ukuvuga iyo ubumwe ndetse n'iyo ubwinshi.

Ingero :

- WA mwana we, ujye kwiga hakiri kare.(ngenga1)
- MWA biti mwe, nzababazamo imivure(ngenga2)

4. IKINYAZINA NGENERA

Iki ni ikinyazina gihuza izina n'irindi mu isano y'ubugire n'ubugirwe. Mbese gishyira isano hagati y'izina nyakugira n'izina nyakugirwa.

Ingero:

- Igikenyeri CYA Nyiragikori
- Ibiro BYA Gasutamo

- Ifu Y'I Gitarama
- Nicaye kuntebe YA mbere.

Reba imbonerahamwe y'ibinyazina nyereka:

INTEKO	**IKINYAZINA**	**INGERO**
Nt1 u	Wa/wo	Umwana WA Kamana/ Umwana WO gutuma
Nt2 ba	Ba/bo	Abana BA Kamana/ Abana bo gutuma
Nt3 u	Wa/wo	Umurima WA marume/ umweyo WO gukubura
Nt4 i	Ya/yo	Imirima YA marume/ imyeyo YO gukubura
Nt5 ri	Rya/ryo	Ishuri RYA Mbuga/ ishuri RYO kwigamo
Nt 6 a	Ya/yo	Amashuri YA Kicukiro/ Amashuri yo kwigiramo
Nt 7 ki	Cya/cyo	Icyambu CYA Mombasa/ ikigori CYO gutera
Nt8 bi	Bya/byo	Ibijumba BYA Kabera/ ibirayi BYO gutera.
Nt9 i	Ya/yo	Ihene YA Girinka/ Inkoko YO kurya
Nt10 zi	Za/zo	Inka ZA Gasirabo/ Inka ZO korora
Nt11 ru	Rwa/rwo	Urwina RWA Ngemanyi/ Urwembe RWO kurasaga
Nt12 ka	Ka/ko	Akana KA Rweze/ Akana KO gutuma
Nt13 tu	Twa/two	Udushumi TWA Sagatwa/ uturyo TWO kurya
Ntt14 bu	Bwa/bwo	Ubunyobwa BWA Ndiga/ Ubwato BWO kwambuka
Nt15 ku	Kwa/ko	Ukuguru KWA Manzi/ ukuguru KO kozwa
Nt 16 ha	Ha/ho	Ahantu HA Mbaraga/ Ahantu HO kubakwa inzu

5. IKINYAZINA NGENGA

Ikinyazina ngenga kiba ari ijambo rihagarariye uvuga, abavugwa n'ikivugwa, rihagarariye kandi ubwirwa, ababwirwa, ahavugwa…

***Ingero* :**

- NJYEWE natsinze imibare, WOWE watsinze icyongereza.
- WE azi kuririmba.
- RWESE dukina neza umupira.

Ikinyazina ngenga cyerekana nyirigikorwa munteruro.

Nt1

- Ngenga ya 1 y'ubumwe haba uvuga: JYE (njye) ikagira imindurantego **(n)jyewe**
- Ngenga ya 2 y'ubumwe haba ubwirwa: WOWE
- Ngenga ya 3 y'ubumwe haba uvugwa: WE

Nt2

- Ngenga ya 1 y'ubwinshi haba abavuga: TWE
- Ngenga ya 2 y'ubwinshi haba ababwirwa: MWE
- Ngenga ya 3 y'ubwinshi haba abavugwa: BO

Ikinyazina ngenga gishobora kongerwaho imisuma Se, Mbi, Nyine, Bwe

- Abana boSE bagiye kwiga.
- Umunyeshuri weSE arangwa n'isuku.
- Ba bana boMBI baratsinze.
- Nimuze mweMBI tujyane kureba ingagi.
- TweBWE tuzaba abambere.
- Uriya akunda kwiga wenyine.
- Hariya bacuruza indabo zonyine.

Reba imimerere yimbitse mumbonerahamwe :

Ngenga/inteko	**Kzn ngenga**	**Kzn+bwe**	**Kzn+nyine**	**Kzn+se**	**Kzn+mbi**
Ng.1 bumwe	Jye (njye)	-	(n)jyenyine	-	-
Ng.1 Bwinshi	Twe	Twebwe	Twenyine	Twese	Twembi
Ng. 2bumwe	Wowe	-	Wenyine	Wese	-
Ng. 2bwinshi	mwe	Mwebwe	Mwenyine	Mwese	Mwembi
Ng.3 bumwe	We	-	Wenyine	Wese	-
Nt.2	bo	-	bonyine	Bose	Bombi
Nt.3	wo	-	Wonyine	Wose	-
Nt.4	Yo	-	Yonyine	Yose	Yombi

Nt.5	Ryo	-	Ryonyine	Ryose	-
Nt.6	Yo	-	Yonyine	Yose	Yombi
Nt.7	Cyo	-	Cyonyine	Cyose	-
Nt.8	Byo	-	Byonyine	Byose	Byombi
Nt.9	yo	-	yonyine	yose	-
Nt.10	Zo	-	Zonyine	Zose	Zombi
Nt.11	Rwo	-	Rwonyine	Rwose	-
Nt.12	Ko	-	Konyine	Kose	-
Nt.13	Two	-	Twonyine	Twose	Twombi
Nt.14	Bwo	-	Bwonyine	Bwose	Bwombi
Nt.15	Ko	-	Konyine	Kose	-
Nt.16	ho	-	honyine	Hose	hombi

6. IKINYAZINA CY'INYUNGE (NGENERA-NGENGA)

Iki kinyazina kigizwe n'ikinyazina ngenera cyongeweho ikinyazina ngenga.

Urugero :

Umwana WANGE uba hano yambwiye ko akorana na mukuru WAWE, ngo mukazi KABO akorana n'abana BANYU babiri. Kandi ngo umukoresha WABO arabakunda cyane.

Wanjye = wa+njye ryabo = rya+bo

Banyu = ba+nyu

Wawe = wa+we

Wabo = wa+bo

Iki kinyazina cyerekana ufite ikintun'icyo afite. Iki kinyazina ariko gishobora no gusimbura izina.

- Igitabo cyanjye ngifata neza = ICYANJYE ngifata neza
- Ikigo cyacu ni intangarugero m'uburezi = ICYACU ni intangarugero m'uburezi.

Imbonerahamwe y'ikinyazina cy'inyunge(NGENERA NGENGA)

Nt1	wanjye	wacu	wawe	wanyu	we	Wabo
Nt2	banjye	bacu	bawe	banyu	be	Babo
Nt3	wanjye	wacu	wawe	wanyu	we	Wabo
Nt4	yanjye	yacu	yawe	yanyu	ye	Yabo
Nt5	ryanjye	ryacu	ryawe	ryanyu	rye	Ryabo
Nt6	yanjye	yacu	yawe	yanyu	ye	Yabo
Nt7	cyange	cyacu	cyawe	cyanyu	cye	Cyabo
Nt8	byange	byacu	byawe	byanyu	bye	Byabo
Nt9	yanjye	yacu	yawe	yanyu	ye	Yabo
Nt10	zanjye	zacu	zawe	zanyu	ze	Zabo
Nt11	Rwange	rwacu	rwawe	rwanyu	rwe	Rwabo
Nt12	kanjye	kacu	kawe	kanyu	ke	Kabo
Nt13	Twanjye	twacu	twawe	twanyu	twe	Twabo
Nt14	bwanjye	bwacu	bwawe	bwanyu	bwe	Bwabo
Nt15	kwange	kwacu	kwawe	kwanyu	kwe	Kwabo
Nt16	hange	hacu	hawe	hanyu	he	habo

7. IKINYAZINA NYAMUBARO

Ikinyazina nyamubaro ni ikinyazina gikoreshwa mukuranga umubare w'ibintu cyangwa abantu.

- Iyo ari umubare w'ibintu bakita Nyamubaro Kibariko
- Iyo kivuga itondeke bakita Nyamubaro Ngerekero

Ingero z'Ikinyazina nyamubaro ngerekero:

- Umwana WAMBERE baramugororeye.
- Yezu yazutse k'umunsi WAGATATU.

Ubusanzwe ikinyazina nyamubaro kibariko kiva kuri rimwe kikagera kuri karindwi. Iyo uhereye k'umunani bihinduka amazina nyamubaro hanyuma bikajya bizamo n'amazina y'inyunge. Byitwa amazina kuko byuzuza intego y'amazina rusange.

Reba imbonerahamwe y'ibinyazina nyamubaro kibariko:

	+Mwe	+Biri	+Tatu	+Ne	+Tanu	+Tandatu	+rindwi
Nt1	umwe	-	-	-	-	-	-
Nt2	-	babiri	batatu	bane	batanu	batandatu	Barindwi
Nt3	umwe	-	-	-	-	-	-
Nt4	-	ibiri	itatu	ine	itanu	itandatu	Irindwi
Nt5	rimwe	-	-	-	-	-	-
Nt6	-	abiri	atatu	ane	atanu	atandatu	Arindwi
Nt7	kimwe	-	-	-	-	-	-
Nt8	-	bibiri	bitatu	bine	bitanu	bitandatu	Birindwi
Nt9	imwe	-	-	-	-	-	-
Nt10	-	ebyiri	eshatu	enye	eshanu	eshesha	Zirindwi(indwi)
Nt11	rumwe	-	-	-	-	-	-
Nt12	kamwe	-	-	-	-	-	-
Nt13	-	tubiri	dutatu	tune	dutanu	dutandatu	Turindwi
Nt14	bumwe	bubiri	butatu	bune	butanu	butandatu	Burindwi
Nt15	kumwe	-	-	-	-	-	-
Nt16	hamwe	habiri	hatatu	hane	hatanu	hatandatu	harindwi

8. IKINYAZINA NDAFUTURA

Iki ni ikinyazina kivuga kidasobanura umuntu cyangwa ikintu kiri kuvuga muby'ukuri:

***Ingero*:**

- ABANDI bafite uturima tw'igikoni.
- Ikindi gusabwa ni ubwisungane mukwivuza.
- Undi mwana yatashye kare.

Amoko y'ibinyazina ndafutura birimo amoko abiri ari yo ikinyazina ndafutura kigufi n'ikinyazina ndafutura kirekire.

Ingero:

Kigufi

- Zana andi mazi
- Nzanira undi muheha

Kirekire

- Zana ayandi mazi
- Nzanira uwundi muheha

Intego y'ikinyazina ndafutura kigufi ni RS+C(Indangasano n'igicumbi) naho iy'ikinyazina ndafutura kirekire ni D+RS+C(Indomo, Indangasano n'igicumbi)

Dore imbonerahamwe y'ikinyazina ndafutura:

INTEKO	KIGUFI	KIREKIRE
Nt1	undi	Uwundi
Nt2	-	Abandi
Nt3	undi	Uwundi
Nt4	indi	Iyindi
Nt5	-	Irindi
Nt6	andi	ayandi
Nt7	-	Ikindi
Nt8	-	Ibindi
Nt9	indi	Iyindi
Nt10	-	Izindi
Nt11	-	Urundi
Nt12	-	Akandi
Nt13	-	Utundi
Nt14	-	Ubundi
Nt15	-	Ukundi
Nt16	-	ahandi

9. IKINYAZINA MBAZA(MBAZAMUBARE)

Ikinyazina mbaza gisobanuza ku izina kiba kigaragiye. Mbese kibaza ku izina kiba kigaragiye.

Urugero:

- UWUHE mwana?
- Inka ZIHE?
- Ibijumba BINGAHE?

Ikinyazina mbazamubare gifite igicumbi –NGAHE kibaza ibisobanuro bishingiye ku mibare y'abantu cyangwa y'ibintu. Ni ukuvuga ko NGAHE ikoreshwa mubwinshi gusa. Icyakora hari ubwo gikoreshwa nko munteko ya 12 nk'iyo ubaza ngo KANGAHE.

Ikinyazina mbazamubare gifite igicumbi HE kibaza ibisobanuro cyangwa gihitishamo.

Urugero: Haraza umwana WUHE?

ICYITONDERWA:

Amagambo afite ibicumbi KI, HE, na NDE ntabwo ari ibinyazina mbaza ahubwo ni amagambo abaza gusa.

Ingero munteruro:

- Uri HE? (kubaza ahantu)
- Ni NDE? (Ubaza umuntu)
- Ni IBIKI? (ibintu muri rusange)

Dore Imbonerahamwe y'ikinyazina mbaza :

Inteko	Kzn kigifi	Kzn kirekire	Mbazamubare
Nt1	wuhe	uwuhe	-
Nt2	bahe	abahe	Bangahe
Nt3	wuhe	uwuhe	-
Nt4	yihe	iyihe	Ingahe
Nt5	rihe	irihe	-
Nt6	yahe	ayahe	Angahe

Nt7	kihe	ikihe	-
Nt8	bihe	ibihe	Bingahe
Nt9	yihe	iyihe	-
Nt10	zihe	izihe	Zingahe
Nt11	ruhe	uruhe	-
Nt12	kahe	akahe	Kangahe
Nt13	tuhe	utuhe	Tungahe
Nt14	buhe	ubuhe	Bungahe
Nt15	kuhe	ukuhe	Kungahe (ukuntu)
Nt16	hahe	ahahe	hangahe

10. IKINYAZINA MBONERANTEKO/NDANGANTEKO

Ikikinyazina gikorana n'amazina yatakaje indomo cyangwa indanganteko ndetse n'amazina bwite maze kikerekana inteko ayomazina ashyizwemo. Iki rero kigakorana n'inteko zikurikira : nt2, nt7, nt8, nt10, nt11. Nt12, nt13 na nt14.

Ingero :

- Ba Mukamana baraje (nt2)
- Ba data barabangutse (nt2)
- Ka Mugabo katashye (nt12)
- Za karavati ntizifunze (nt10)

Iyo ikinyazina mboneranteko gifatanye n'indanganteko zo munteko ya 7,8 na 11 gitubura amazina.

Ingero :

- Cya Kagabo (nt7)
- Bya Bugingo (nt8)
- Rwa Mazimpaka (11)

Naho munteko za 12, 13 na 14 gitubya amazina.

Ingero:

- Ka Kamana (nt12)
- Twa Muvara (nt13)
- Bwa Silasi (nt14)

Iyo ikinyazina mboneranteko munteko ya10 kisanishije n'amazina yo munteko ya 6, cyangwa n'iyo nteko nyine kigaragaza ingingo igaya.

Ingero:

- Za makobwa
- Za magore
- Za magabo

Imyitozo ku ipaji ya 97.

III. AKAMARO K'ISUKU

1. Kumva umwandiko:

ISUKU NI ISOKO Y'UBUZIMA

Murwego rwo kwiteza imbere tunateza imbere igihugu cyacu, mu Rwanda hashyizweho abajyanama b'ubuzima kunzego zose, bashinzwe gukangurira abaturage kugira isuku kumibiri yabo: nko koga buri munsi, kwambara imyenda isukuye no kwitabira kwivuza igihe bafashwe n'indwara.

Abaturage bahuguriwe kurwanya malaria, batema ibihuru ahazengurutse, baryama munzitiramibu iteye umuti no kugira ubwisungane mukwivuza.

Ntabuzima, nta terambere ryagerwaho. Abaturage bamaze kumenya ibyiza by'isuku no kurwanya Malariya, none barabyitabiriye. Ubu bashoboye kwibumbira mumashyirahamwe abateza imbere by'umwihariko n'igihugu muri rusange.

Intego ni imwe: Twite k'ubuzima, tugira isuku, turwanya Malariya, twiteza imbere.

IKINYURANYO CY'ISUKU: UMWANDA

Ntukandarike ibintu aho ariho hose! Burya uretse ibyo bisanzwe bigaragara nk'umwanda; iyo ubuze itondeke aho uba, nabyo biba ari umwanda wakugayisha, ibyo kandi ntabuzima bubivamo. Uwo ni umwanda – mutindi.

Ngaho sa n'utekereza nko gusanga:

- Isogisi mugafuka ka Kawunga cyangwa kugatanda bumukirizaho amasahani.
- Tuvuge se usanze uburoso bw'amenyo, ubwo inkweto byivanze n'ibiyiko n'amafurusheti.
- Tuvuge se yewe ko watoye urukweto wica umubu maze ugahita ururambika kuburiri, nko kumashuka yawe y'umweru!
- Tekereza se nko kubona uvuye m'ubukwe maze ikoti ryawe ugahita urirambika ku isekuru ukikomereza ibindi.
- Wagira ngo ukubutse gusenga Bibiriya yawe ukayishyira k'umufuka w'amakara!

Umwanda nk'uyu ushingira k'ukuba m'umutwe wawe ntatondeke ribamo. Ntamuntu kandi wishimira kubana n'umeze atyo.

Tunaroye kandi ibiri mugisobanuro cya mbere cyahawe umwanda usanga ari akaga kabi. Cyono ngaho ntekerereza umuntu udakaraba, ntamese imyambaro ye, ntanaruhe yoza amenyo ye! Uyu muntu aba ateye ishozi. Uretse no gutera ishozi kandi aba anasubiza u Rwanda inyuma kuko ibi bintu nko:

- Ubuheri
- Inda
- Amavunja
- Rubyi
- Ibimeme
- N'ibindi

Ni ibintu igihugu cyacu cyarenze kandi bidakwiriyen no kwongera kubona umwanya mugihugu cyacu. Kandi nk'uko bigaragara kandi bizwi nomuri rubanda: ibyo bikomoka k'umwanda w'umubiri n'ibiwukoreshwaho.

Si ibyo gusa ariko kuko hari n'umwanda ukwiriye kugenerwa igihano. Niba ukituma kugasozi, uwo wo si umwanda ufite ingaruka kuri nyirawo gusa. Ashwi da. Ejo imvura niramuka iguye uwo mwanda uzagenda imihanda yose. Uzanduza amasoko y'amazi bityo m'uburyo buziguye nyirawo abe abaye intandaro y'indwara zishobora kugera kubantu nka:

- Korera
- Macinya
- Za Amibe
- N'izindi

Kandi burya ntibyanapfa kwemera ko bikugiraho ingaruka mbi wenyine kuko burya iyo urwaye uhindukira umutwaro abakurwaza maze ingaruka zikaba uruherererekane kugeza kugihugu muri rusange. Uyu mwanda rero hamwe n'undi ufitanye isano nawo ariko wenda tukaba tutawuvuze, ukwiriye kwirindwa kutajenjekewe kandi buri muntu ni umukangurambaga wa mugenzi we muri uru rugamba kugeza uranduwe uruhenu.

2. Twibuke imikoreshereze y'utwatuzo tuboneka mu isomo rya mbere.
   Akabago, akitso, akabazo, agatangaro n'akabago n'akitso.

3. Subiza ibibazo bikurikira ushingiye k'umwandiko twabonye haruguru:
   a. Ni akahe kamaro k'isuku m'ubuzima bw'umuntu?
   b. Erekana icyo Leta y'u Rwanda yakoze m'urwego rwo kwimakaza isuku.
   c. Garagaza ingaruka mbi zo guturana n'ibihuru.
   d. Umwanda ni iki uwugereranije n'isuku.
   e. Garagaza akamaro k'isuku mu iterambere ry'igihugu.
   f. Vuga nibura indwara eshanu zikomoka k'umwanda.

4. **IHINAMWANDIKO**:
   Ukurikije amabwiriza y'ihimbamwandiko twize mu isomo ryabanje, hina umwandiko ku isuku mumirongo itandatu kandi wubahiriza utwatuzo n'ingingo zose z'ingenzi.
5. Himba umwandiko mugufi ugaragaza aho isuku ihuriye n'iterambere.
6. Garagaza ibinyazina nyereka na mbanziriza bigaragara muri izi nteruro. Kandi ubyite amazina.

a. Uwo nari ndwaje arahuhutse.
b. Ibyo mbabuza nibyo mukora.
c. Umpamagarire wa mwana azane n'abo bigana.
d. Icyo nifuza ni ugutsinda abo mbona hano bose.
e. Iyo nyandiko ni iyo wanditse ejo uvuye gutembera.
f. Iyo shati ni iyo naguze mu isoko ry'I Ngoma.
g. Izo nka ni izo Kankera yakowe.
h. Abo nkunda ndabacyaha nkabahana ibihano.

IV. GUTUNGANYA UBUTAKA

Mumyaka yashize hari uduce tumwe na tumwe twagiye turangwa n'akanda ndetse n'inzara ariko ubu siko bikimeze. Aho ni nko mukarere ka Bugesera mumyaka ya za 1998-2001. N'ubwo hari aho bikirangwa nko mukarere ka Kayonza na Kirehe ariko ntibikomeye cyane ahanini bitewe n'imbaraga igihugu cyashyize m'ugukemura iki kibazo.

Ahanini iki kibazo cyaterwaga n'abaturage babaga baratemye amashyamba ubundi dusanzwe tuziho uruhare runini m'ugukurura imvura; kutamenya guhinga kumaterasi y'indinganire ahari imisozi ihanamye, Kudacukura imirwanyasuri byatumaga imvura zigwa ari nyinshi zitwara ubutaka bwiza zigasiga akara…

M'urwego rwo gukemura iki kibazo rero abaturage bashishikarijwe gutera amashyamba ahari imisozi ihanamye cyane, gutera ibiti bishobora kubangikana n'imyaka; bigishwa ndetse no guhinga kumaterasi y'indinganire. Ubu kandi abaturage barahugurirwa gukoresha inyongeramusaruro hagamijwe kongerera ubutaka ubushobozi bw'umusaruro.

Muri iyi gahunda kandi ibishanga ntibyirengagijwe, ndetse m'urwego rw'imibereho myiza higishijwe gukora uturima tw'igikoni twaje ndetse dusimbura indi gahunda yo gutubura ubutaka higishwa guhinga mumifuka.

Ubu rero amashyamba yamaze kumera, imvura iragwa, imyaka irera none abaturage babona ibibatunga k'uburyo basagurira n'amasoko. Twese rero duhaguruke n'iyonka twijukire gukora: dufata neza ubutaka kandi tudahuga kumvira inama duhabwa bityo tuzagera kuri byinshi.

IKIBONEZAMVUGO/ Edition Bakame2010

IGITABO CY'UMUNYESHURI; Umwaka wa 2 p124

1. Kumva umwandiko kubihereranye no kwita k'ubutaka nka kimwe mubidukikije. Igitabo cy'umunyeshuri; Umwaka wa kabiri p193.
2. Utwatuzo n'isesekaza nk'uko biri m'umwandiko/GUSOMA
3. Subiza ibi bibazo ushingiye k'umwandiko wo Kwita k'ubutaka:
   a. Ni iki cyateye akanda n'inzara batubwiye m'umwandiko?
   b. Ni utuhe turere twavuzwe ko twibasiwe n'iki kibazo?
   c. Ni izihe ngamba reta yafashe kugirango ihangane n'icyo kibazo?
   d. Ni ngaruka ki iterwa no kudacukura imirwanyasuri?
   e. Ni izihe ngaruka zabaye nyuma yo kumvira inama k'ugutunganya ubutaka?
4. Vuga mumirongo itarenze icumi ingingo z'ingenzi z'uyu mwandiko.
5. Garagaza ubundi buryo butavuzwe m'umwandiko bwakifashishwa m'ukubungabunga ubutaka.
6. Kora urutonde rw'ibinyazina bigaragara m'umwandiko.

V. URURIMI N'UBWUMVANE

Burya abantu mumibanire yabo bajya bakenera no kuvugana. Ibi rero n'inzira z'uruhererekane. Haba rero ingingo mfatizo zigombwa kugirango ibyo byemere:

1. Uvuga

   Uyu niwe ushoza itumanaho. Niwe nsiriri y'ubwumvane kuko niwe uba imbarutso maze akakura abandi.
2. Ubwirwa

   Uyu ni umugenerwabutumwa. Nawe rero atabayeho ubwumvane bwaba butagishobotse kuko ubutumwa bukwiriye kugira uwo bugenerwa.
3. Inkurikizo:

   Iki ni igikoresho kifashishwa m'ukugeza ubutumwa kuri nyakubugenerwa. Izi nkurikizo twazishyira nko muburyo butatu:

   a. **Ururimi**:

      Iyi niyo nkurikizo ibangutse kurusha izindi bityo uko kubanguka kukaruhesha gutwaza izindi nkurikizo rukazisumba.

b. **amarenga**:

Aya yo haba nk'ubwo yifashishijwe n'abafite ubumuga bwo kutabasha kuvuga. Hari n'ubwo ariko umuntu ayifashishije ashaka kubwira abo bari kumwe badashaka gutobora ngo bavuge. Twavuga nk'abasirikari hari icyo bari kuronda.

c. **Ibimenyetso**:

Ibimenyetso nabyo biri ukwinshi. Hari ibimenyetso bishobora byakugezaho ubutumwa ariko ntamugambi byagize wo kubukugezaho.

INGERO:

- Iyo uroye ibicu bikurangira ko imvura igiye kugwa ukabyibwira ubwawe.
- Ibindi bintu bitandukanye abantu baba baziranyeho ngo bigire icyo bibamenyesha.
- Hari n'ibyo usanga rero bifitanye isano n'icyo bisigura.

Urugero:

Urukoma ruranga ahari urwagwa, icyapa gishushanyijeho umwana ufite ikaye cyerekana ko hafi aho hari ishuri. Ibendera rigaragaza ko igihugu runaka gikorera mugace rishinzemo…

4. **Ingambo**:

Iki nicyo uvuga ashyikiriza ubwirwa. Tuvuge niba uvuga akurikiye inkurikizo nk'ururimi amagambo avuga niyo ngambo.

5. **Ikivugwa**:

Iki ni igitekerezo uvuga aba yakubiye mumagambo.

6. **Inzira**:

Uvuga iyo akoresha ururimi, inzira ishobora kuba umunwa, n'amatwi by'ubwirwa, intoki, n'amaso y'ubwirwa…

Ubu buryo bugenda bwiyongera, uko ubushakashatsi nabwo butera imbere. Iyo usesenguye neza usanga icyo gikorwa cyo gutanga ubutumwa kigira ibintu bya ngombwa gifatiraho kugirango habeho ubwumvane.

Ibi byagaragarira kuri iki gishushanyo:

- **UVUGA**: Uvuga ni utanga ubutumwa. Si ngombwa ko aba umuntu gusa, ishobora no kuba ingoma, iradiyo, …
- **UBWIRWA :** Ni ugenewe ubwo butumwa ushobora kuba umwe cyangwa benshi, ishobora yewe no kuba inyamaswa cyangwa imashini. Ibyo aribyo byose twemera ko ubutumwa bwageze kuri nyirabwo iyo abigaragaje mumyitwarire.
- **INGAMBO** : Ubu ni ubutumwa uvuga ageza k'ubwirwa.
- **INZIRA Z'UBWUMVANE** : ni aho bunyura, umuyoboro w'uvuga n'ubwirwa. Ishobora kuba ijwi, amaso, amatwi, ikiganza…

  Ntabwo bihagije guhuza inzira kugira ngo abavugana bumvane ahubwo ubwirwa amagambo kuba yiteguye kwakira ubwo butumwa.

  Urugero : Ushobora nko kuvuga waranguruye ijwi kandi uwo ubwira ntakumve kuko arangaye ; ababaye cyangwa atakwishimiye.
- **INKURIKIZO** : Ni uburyo iyo nzira y'ubwumvane ikoresha kugirango abantu bumvikane. Akenshi ubu buryo buba bugizwe n'ibimenyetso n'amategeko. Ni ngombwa ko abavuga bahuza inkurikizo kugirango bumvikane.

  Urugero :

  1. Umunyarwanda n'umudage ntibashobora kumvikana igihe umwe azi ururimi rwe gusa.
  2. Ushobora kumva abantu babiri bavugana kucyombo ntubyumve kandi mwegeranye.

Muri make rero kugira kugirango habe ubwumvane nyabwo bose uko ari babiri(Uvuga n'ubwirwa) bagomba guhuza ibintu 3 bikurira :

- Inzira z'ubwumvane
- Ikivugwaho
- N'inkurikizo

IMIMARO Y'URURIMI

Abahanga muby'Iyigandimi bateganya imimaro y'ururimi iyo bije mubyerekeye ubwumvane. Reka turore ibyo iyi mimaro :

1. **Umumaro nyakuvuga** : ufatiye k'uvuga. Akenshi ugaragaza icyo nyakuvuga atekereza k'ubutumwa bwe. Ibyo kandi bigaragazwa n'utugamo nka « (n)jyewe ubwanjye » ndetse n'amarangamutima. Aha rero nyakuvuga yiyibandaho ubwe kandi agakunda kuvuga muri ngenga ya1.

   Urugero : Databuja uko ndi uku simfite ubushobozi bwo guhangana nawe kandi n'izo ngabo zose ntizari ngombwa kukantu k'akanyantege nke nkange. None rero niteguye gupfa kuko nagusuzuguye Nyagasani.(Byavanywe m'umugani w'imbeba).

2. **Umumaro nyakubwirwa** : Ufatiye kuri nyakubwirwa nyine. Ukaba rero ujyana na ngenga ya kabiri. Ugaragara cyane rero igihe uvuga yibanda cyane k'uwo abwira. Wabisanga cyane nko munteruro zitegeka, zishinja, zihanangiriza n'izitakamba.

   Urugero:
   - Ntasoni urakinisha kumbesha!
   - Ni wowe wanyibye erega!
   - Ntuzongere kunyara hano!
   - Ese ubwo wambabariye koko?
3. **Umumaro nyakuvugwa**: Uyu mumaro ufatiye k'uvugwa bityo ukaba werekeye kuri ngenga ya 3. Ugaragara iyo abumvana bibanze kukivugwaho. Ni ukuvuga ko baba bagusha kungingo bityo bagasobanura batabiciye k'uruhande. Ikindi binaturuka k'ubwende bw'uvuga agirango asobanure neza uwo avuga cyangwa icyo avuga.

   Urugero: Uworohewe yari umunyamico myiza uretse ko yikundiraga gusinda.

4. **Umumaro-nzira**: ujyanye n'ifatizo nzira ukabigaragaza iyo abavugana bibanze kunzira y'ubwumvane. Akenshi baba bashaka gutangira kuvugana, kubihagarika cyangwa umwe ashaka kumenya ko yumvikana neza n'undi.

   Urugero:
   Allô! Allô!
   Ese muranyumva?

5. **Umumaro nkurikizo**: Ufatiye kunkurikizo igaragara iyo uvuga asobanura inkurikizo. K'uburyo nk'uwabumva ashobora kubaza ati"aho urashaka kuvuga iki?" "Ubwo ibyo birasobanura iki?" Nka burya iyo umwarimu n'abanyeshuri biga INYUNGURAMAGAMBO baba batinda k'umumaro nkurikizo.
6. **Umumaro-ngambo:** Uyu mumaro ujyanye n'ingambo. Ntugamije gusobanura ubutumwa cyangwa ibitekerezo nk'uko bamwe babikeka. Icyo gihe ntaho waba utaniye n'umumaro nyakuvugwa. Ahubwo wo ugamije kuvuga neza ibyo bitekerezo.
   Kukinyuza mumvugo iryohereye byumvikana ko n'ubwo buryo bufasha kumvikana neza kw'ibyo bitekerezo. Uyu mumaro ugaragara cyane mubisigo, mundirimbo, mubyungo, imbwirwaruhame,…
   Uyu mumaro kandi urangwa n'ibirangwabusizi: *Urujyano, imizimizo, isubirajwi*; *indezi* (amagambo meza y'indobanure).
   Ingero:
   - Harabaye ntihakabe,
     Hapfuye imbwa n'imbeba,
     Hasigaye inka n'ingoma
     Ubusa bwaritse kunzira umuyaga urabwarurira…

NB:

1. Nk'iko twabibonye iyi mimaro yose ishobora guhurira m'ubwumvane bumwe uretse ko akenshi usanga hari ukoreshwa kurusha undi.
2. Kimwe mubitandukanya ubwumvane nyemvugo na nyandiko ni uko kimwe gikoreshwa inzira mbara(Direct speech) naho indi igakoreshwa inzira nzi(indirect speech).

Ni ukubuga rero ko abavugana baba bari kumwe barebana naho munyandiko usoma ntareba uwanditse. Aho rero umubonera mubyo yanditse(Uburyo buziguye).